**AMASENGESHO AVUGIRWA KU MVA Y'UWO BAJE GUSABIRA**

Ku munsi ngarukamwaka umuntu yapfiriyeho, ku munsi wo gukura ikiriyo cyangwa se ku kindi gihe cyumvikanyweho, haba ubwo abe bahurira aho yahambwe, bakamusabira. Gahunda yakurikizwa muri bene iryo sengesho ni iyi ngiyi:

1. Ikimenyetso cy'umusaraba.
2. Ijambo ry'ibanze risobanura impamvu ihuje abari aho.
3. Indirimbo iberanye n'icyo gikorwa.
4. Ijambo ry'Imana (Reba ku rupapuro rwa …)
5. Indirimbo ishimangira igitekerezo-remezo kiri muri iryo Jambo ry'Imana.
6. Isengesho ryo gusabira abitabye Imana:

Yezu ugwa neza, girira ibyuya by'amaraso watutubikanye i Getsemani, maze ubabarire abacu bapfuye.
Yezu ugwa neza, girira ko wababaye bagukubita, maze ubabarire abacu bapfuye.
Yezu ugwa neza, girira ko wababaye bagutamiriza ikizingo cy'amahwa, maze ubabarire abacu bapfuye.
Yezu ugwa neza, girira ko wababaye uhetse umusaraba ujya ku musozi wa Kaluvariyo, maze ubabarire abacu bapfuye.
Yezu ugwa neza, girira ko wababaye bakubamba ku musaraba, maze ubabarire abacu bapfuye.
Yezu ugwa neza, girira inyota n'ububabare byakurembeje ku musaraba, maze ubabarire abacu bapfuye.
Yezu ugwa neza, girira ko wababaye upfira ku musaraba, maze ubabarire abacu bapfuye.

7. Indirimbo
8. Ndakuramutsa Mariya icumi
9. Indirimbo yo kwiragiza Bikira Mariya
10. Umugisha (Iyo hari Umusaserdoti) cyangwa ikimenyetso cy'umusaraba (iyo ari umukristu usanzwe).

Mu gihe cy'Ijambo ry'Imana, bashobora kwifashisha rimwe muri aya masomo (abereyeho kuba yasimburana) akurikira:

- **IYO ATARI MU GHIE CYA PASIKA**

***Isomo ryo mu gitabo cya Yobu (19,1.23-27)***

Yobu araterura maze aravuga ati "Icyampa ngo amagambo yanjye azandikwe, bayashyire ku rubaho rw'umuringa, bakoreshe ikaramu y'icyuma, maze bayasharage ku rutare ubutazasibangana. Jyewe nzi ko umuvugizi wanjye ariho, amaherezo azatunguka ku isi, aze andengere; namara kunkangura, azampagarika iruhande rwe, maze mbonere Imana

mu mubiri wanjye. Koko ni jyewe ubwanjye wuzayirebera, nzayibonesha amaso yanjye bwite, atari ay'undi; ngiyo inyota inyuzuye umutima."

***Isomo ryo mu ibaruwa Mutagatifu Pawulo Intumwa yandikiye Abanyaroma (8,31b-35. 37-39)***

Niba Imana turi kumwe, ni nde waduhangara? Yo itimanye ndetse n'Umwana wayo, ahubwo ikamudutangira twese, yabura ite kandi kutugabira byose kumwe na We? Ni nde wagira icyo ashinja intore z'Imana? Ko Imana iziha kuba intungane. Ni nde uzazicira urubanza? Ko Kristu Yezu yapfuye, ndetse ko yazuise, We uri iburyo bw'Imana, akaba anadutakambira. Ni iki cyadutandukanya n'urukundo rwa Kristu ? Ibyago se, agahinda se, ibitotezo se, inzara se, ubukene se, imitego se, cyangwa inkota ? Nyamara muri ibyo byose tugatsinda kakahava, tubikesha uwadukunze. Koko rero simbishidikanya: ari urupfu, ari ubugingo, ari abamalayika, ari ibinyabubasha, ari iby'ubu, ari ibizaza, ari ibinyamaboko, ari iby'ejuru, ari iby'ikuzimu, ari n'ikindi kiremwa cyose, nta na kimwe kizashobora kudutandukanya n'urukundo Imana idukunda muri Kristu Yezu Umwami wacu.

**Ivanjili:**

***Amagambo yo mu Ivanjili Ntagatifu uko yanditswe na Matayo (25,31-40)***

Igihe Umwana w'umuntu azaza mu ikuzo rye, ashagawe n'abamarayika bose, ubwo azicara ku ntebe ye y'ikuzo. Ibihugu byose bizakoranyirizwa imbere ye, maze atandukanye abantu nk'uko Umushumba asobanura intama n'ihene. Azashyira intama iburyo bwe, n'ihene ibumoso. Nuko rero Umwami azabwira abari iburyo bwe ati «Nimuze, abahawe umugisha na Data, muhabwe Ingoma mwateguriwe kuva isi ikiremwa; kuko nashonje mukamfungurira; nagize inyota mumpa icyo kunywa; nari umugenzi murancumbikira; nari nambaye ubusa muranyambika; nari ndwaye muransura; nari imbohe muza kundeba ». Nuko intungane zizamusubiza ziti : «Nyagasani, twakubonye ryari ushonje, maze turagufungurira; ufite inyota tuguha icyo kunywa; uri umugenzi turagucumbikira; wambaye ubusa maze turakwambika; urwaye cyangwa se uri imbohe tuza kukureba?» Nako Umwami azabasubize, ati «Ndababwira ukuri: ibyo mwagiriye umwe muri abo bavandimwe banjye baciye bugufi, ni jye mwabaga mubigirira.»

- **MUGIHE CYA PASIKA**

***Isomo ryo mu gitabo cy'Ibyahishuriwe Yohani Intumwa (21,1-5a. 6b-7)***

Hanyuma mbona ijuru rishya, n'isi nshya; koko rero ijuru rya wbere n'isi ya mbere byari byazimiye, n'inyanja itakiriho. Nuko mbona umurwa mutagatifu, Yeruzalemu nshya, yururukaga iva mu ijuru ku Mana, yabukereye nk'umugeni witeguye gusanganira umugabo we. Hanyuma numva ijwi riranguruye riturutse mu ntebe y'ubwami, rivuga riti «Dore ingoro y 'Imana mu bantu! Izabana nabo. Bazaba abantu bayo, Imana na Yo ibane na bo: izahanagure icyitwa amarira cyose ku maso yabo, n'urupfu rwoje kuzongera

kubaho ukundi. Icyunamo, amaganya n'imibabaro, na byo ntibizongera kubaho ukundi, kuko ibya kera byose birangiye.» Nuko uwicaye ku ntebe y'ubwami aravuga ati «Dore ibintu byose mbigize bishya. Ni jyewe Alufa na Omega, intangiriro n'iherezo. Ufite inyota wese, nzamuha ku buntu kunywa ku isoko y'amazi y'ubugingo. Uzatsinda azatunga ibingibi ho umurage, kandi nzamubera Imana, na we ambere umwana».

***Isomo ryo mu ibaruwa ya kabiri Mutagatifu Pawulo intumwa yandikiye Timote (2,8-13)***

Ujye wibuka Yezu Kristu wazutse mu bapfuye, kandi uvuka mu bwoko bwa Dawudi, nk'uko Inkuru nziza namamaza ibihamya. Ni na yo mporwa, ngatotezwa, nkabohwa, boshye umugome. Nyamara ariko Ijambo ry'Imana ntiribohwa! Ni cyo gituma nihanganira byose mbigirira abo Imana yatoye, kugira ngo na bo babone umukiro uba muri Kristu Yezu, babone n'ikuzo rizahoraho iteka. Dore ijambo rikwiye kwizerwa: «Nidupfana na We tuzabaho hamwe na We; nituba intwari hamwe na We, tuzima Ingoma hamwe na We; nitumwihakana, na We azatwihakana. Nituramuka tubaye abahemu, We azaguma kuba indahemuka, kuko adashobora kwivuguruza. »

**Ivanjili:**

***Amagambo yo mu Ivanjili Ntagatifu uko yanditswe na Yohani (Yh 6, 53-54.57)***

Yezu arababwira ati «Ndababwira ukuri koko: nimutarya umubiri w'Umwana w'umuntu, ntimunywe n'amaraso ye, ntimuzagira ubugingo muri mwe. Naho urya umubiri wanjye, akanywa n'amaraso yanjye, agira ubugingo bw'iteka, kandi nzamuzura ku munsi w'imperuka. Mbese nk'uko Data wantumye ariho, nanjye nkabaho ku bwa Data, bityo undya, na we azabaho ku bwanjye.»